KANGUKA

CENTRE DE FORMATION ET DE RECHERCHE
C.E.R.C.
RWANDA

er Journal Indépendant du Rwanda | 4ème ANNEE 1991 | PRIX: 100 FRW

INKOTANYI n'amashyaka biri hanze aha, aho bukera birasubiza Perezida HABYALIMANA kw'isuka !

NGIRE INAMA PREZIDA HABYALIMANA

BURYA NGO JENERALI ARADUSHUKA NIBIKOMERA AZIYAMBUKIRA

MWAHAYE INKOTANYI IBYO ZISHAKA

N° 48 4ème Année
1er JOURNAL INDEPENDANT DU RWANDA
REDACTION RAVI B.P. 2199 Kigali

Abonnement annuel: 4800 FRW
Afrique 10.760 FRW
Europe 18.800 FRW

Sur cpte BK-15160-61 KIGALI

Ravi

NI UKO YABAYE INAMA Y'UMUNYENDUGA NAHO UBUNDI HABIMANA KANTANO YARI YIKOKOYE !!

BAZIMAZIKI OBED

Uwo ni HABIMANA KANTANO

Nyuma y'ibyumweru bigera kuri 4 [illegible] itangiye, Habimana Kantano ukora muri Ofisi y'Itangazamakuru mu Rwanda (ORINFOR) yasohoye inyandiko ivuga ko INKOTANYI tuzazitsinda kubera ko yari yikokoye agakora ubushakashatsi ku [illegible] yazo. Ubwo bushakashatsi bukaba bushingiye ku gitabo MUSEVENI yanditse [illegible] gufata ubutegetsi, asobanura uko [illegible] y'inyeshyamba (INKOTANYI [illegible] ubu) irwanwa ku buryo burambuye.

Nk'uko Habimana Kantano yabivuze muri iyo nyandiko, hari uburyo bwinshi urwana [illegible] iya ntamabra akoresha kugira ngo asaze [illegible] barwana. Sinshaka kugaruka ku ngingo [illegible] yakubiye muri iyo nyandiko, ndibufate [illegible] rumwe gusa rugaragaza ko uwacira [illegible] ubutegetsi buriho atabona [illegible]! Kantano ati ziratera maze bigatuma [illegible] mu gihugu imbere batabwa muri yombi, [illegible] n'umusaza, umuboyi na patron we, [illegible] n'umwana, umurwayi n'umusazi, [illegible] n'umushonji bagafungwa bitwa [illegible], maze icyoba kigataha mu baturage, [illegible] ibintu byose bikadurumbanywa. [illegible] gusoma iyi nyandiko ya Kantano [illegible] ati noneho akopeje ubutegetsi [illegible] kurunda abantu mu buroko [illegible] Inkotanyi nkana. Reka daa! Ahubwo [illegible] ibyo avuga ari nko gutokora ifuku [illegible] uretse no gufunga abantu ku buntu, [illegible], ibiheke, za avoka n'amashyamba [illegible] ngo niho inyoni nyinshi zaritse [illegible] nijoro zigafata imizinga. Sibwo [illegible] Magidi ashyizwe kuri Radiyo ngo [illegible] ko impamvu ishyamba rye ryatemwe [illegible] ariho INKOTANYI zihisha.

Ikindi ni uko kugeza na n'ubu gutoteza

Ugasubizwa ko ari bene wabo w'abateye u Rwanda!

Ubu ngubu noneho bamwe batangiye nogusaba Habyarimana kwiyambura ikanzu y'ubupadiri ngo agasigarana iye y'imbere, maze abahutu bakishakira igisubizo! Bazi se ko yambara mugondo?! Wabona atatweretse ya kabutura padiri yagabaniye i Roma!! Hanyuma se ko tuzi ko jenerari yambara Kamufule ya gisirikare, iya gipadiri yayambariye he? Ni i Gabiro se avuga ko azahorera abapfuye cyangwa se ni ku Kimihurura (CND) asaba abahutu kugira ubumwe nk'ubw'abatutsi? Ariko se ubundi abo batinyuka kwandika inyandiko nka zirya aho bazirikana ko u Rwanda biyitirira barusanzemo abatwa? Ko abahutu se bakoze Revolisiyo ikitwa iya Rubanda, Habyarimana akadukana indi revolisiyo y'abashiru, ubu noneho havutse iy'abatwa bashaka kwipakurura ingoma y'amakimbirane aranga abahutu n'abatutsi twayita iki?

Tugarutse ku nyandiko ya Habimana Kantano, turasanga mu by'ukuri ntako atari yagize ngo acengere kiriya gitabo cya Museveni uretse ko nk'uko yabyiboneye, gucundira MRND ni nko gucundira ukwezi yashinzwemo! Yari yiteye ijeki atazi ko umunyenduga yagizwe kanwa kabi nka ya nkotsa itagira ikiza na kimwe kiyiva mu kanwa!



dessin KANGURA

KIGALI: INYANGAMUVOMA NSA NSA NSA!!

BAZIMAZIKI OBED

Mu minsi ishize umwambari wa Muvoma Rugira Amandini yabeshye abamwumvaga, bose na Habyarimana ko yasanze i Gitarama ari MRND NSA NSA NSA! Abamwumvise baratangaye bati genda Fondateri uracyabeshyeka! Nibyo kandi kuko twaje kumenya ko aho i Gitarama hari habaye nk'isoko ry'inka za Nyabugogo ziza ziturutse imihanda yose: Bamwe bari baturutse i Bicumbi, abandi i Butare, Kibuye, Ruhengeri no ku Gisenyi barongowe n'abiru ba MRND. Ku itariki ya 8/11/1991 niho Radiyo Rwanda yahitishije itangazo riturarikira kujya kumva iby'urugendo intumwa z'amashyaka zari zikubutsemo muri Amerika no mu Budage. N'ubwo bitari mitingi bwose naravuze nti hinga nigire kureba ibya MRND NSA NSA. Mu gihe nkizamuka numva muri sitade bavugije induru. Ku mutima nti Monjenerali yongeye guca inshundura tu!

__Nasanze ari inyangamuvoma nsa nsa nsa!__

Aho muri stade nagezemo ndebye abicaye imbere ngira ngo ni mitingi itangwa n'abanyakibuye! Agoronome Minisitiri Ruhigira Enock na Rukusanya Eduwaridi ku ruhande rw'akazu Fondateri yagondagonze mu Birambo, Madame Ntamabyariro Agnès na Niyitegeka Eliezer ku rundi ruhande. Mbese uroye 4 kuri 6 bari abanyakibuye;babiri basigaye ni Nyungura Emile na Nayinzira Népomuscène.Umenya burya abanyakibuye batarasigaye inyuma muri politiki y'amashyaka menshi.

Nasiganuje ibya ya nduru nazamutse numva bambwira ko ari induru yakirizwaga Karemera Edouard, naho amashyi agahabwa MDR, PL, PSD. PDC nayo ngo yabonye agera kuri 6. Nashatse kwibaza impamvu MRND bayihaye induru kandi ari ubukorikori bwa Fondateri nibuka ko en fait Karwera atari yakodesheje Abamotari bo kuza gutera iyahararutswe ngo ni animasiyo.

Reka rero urubuga rw'ibibazo ruzatangire maze njye nabona ko na Fondateri ubwe iyo ahibera atari kwihanganira gukomera Rukusanya we amashyi! Umuturage ati Edouard waba ukuye irihe somo mu rugendo ukubutsemo? Karemera ati ntaryo, nasanze iby'iyo ari nk'ibyo Muvoma ikora mu Rwanda. Bakurikiza itegeko nshinga c'est tout. Kuri icyo gisubizo Abazungu bajunguje umutwe bati NON, naho abari muri sitade induru barushaho kuyigira ndende bati aho bigeze ubu ni ugutanga itangazo ribika M.R.N.D,kubona kwigisha Karemera ari nko kwigisha Matabaro w'inyuma ya HUYE! Abagera muri kimwe cya kabiri barahaguruka baritahira. Icyatangaje abantu ariko ni ukubona abaturage basakuza; Karemera aho kureka ngo babanze bacururuke yaratebeje ikoti ati sinkangwa n'urwo rusaku rwanyu

Ambasaderi w'Amerika abaza uwamusemuriraga niba ibyo abona ari animasiyo ivuguruye, undi amusubiza ko abaturage bari kwamagana Karemera wahugiye kureba amazu yubatse neza no gusoma ka potaje isomo rikaba iryo!

Urusaku rwarushijeho kuba rwinshi kugeza aho Ambasaderi w'Abamerika agombye guhaguruka adusaba ko twakwihangana tukiyumvira abandi, kuko nk'uko babyerekanye, bose ntibabaye nka wa mugabo batumye yagera yo akavuga ko babuze uwo batuma bakamutuma. Ubonye ngo arushwe na Nayinzira wasubizaga ibibazo kandi nta na kimwe cyamubazwaga! Nuko Ruhigira wabonaga uko mwene wabo yamaganwa n'abaturage, yegurwa n'intimba ati ngaho nimutahe ariko nizere ko ubutaha bitazongera kumera nka mitingi y'ishyaka rimwe, mujye tujye ba sha.!Birashekeje!!!

Isomo umuntu yakura hariya ni a... burya na ya matora ya Kamarampaka ... Rukokoma ashatse yaba rwose; ubu ... bimeze neza kuri stade. MRND ... kuba nka ya nkubisi y'amazira ... yayitarukirije! Ese nka buriya iyo bavuga ... dutorere hariya! Habyarimana yari ... kwiyizira aho andi mashyaka akoresh... mitingi maze akirebera ibya cya gihang... Kagimbangabo, Zèdi na ba Bali... baririmbishaga abaturage. Umenya ... cyari igitsure! Uko biri kose njyewe navu... i Nyamirambo mbonye ko i Kigali ... inyangamuvoma nsa nsa nsa! Ma ... nateguraga iyi nyandiko ariko numvise ... Karemera ngo yaba yarajuriye muri Amba... y'Abamerika avuga ngo yazize akaga... nk'aho hari uwamuvugiragamo. Aragira... Video zafashwe, Bush yazimusubiza ... atararangiza kuzireba!

UKURI KWARATSINZE, BA BANYESHULI BA APACOPE NA LYCEE BABONYE DIPLOMES ZABO

KALINGANIRE Charles.

Mu mpera z'umwaka w'amashuri ushize, ubwo hari muri Kamena 1991, abanyeshuri bamwe bo mu mashuri yisumbuye yo muri kapitali ndetse n'i Rwamagana bahuye n'ingorane zaje gutuma batabona Diplômes zabo, biturutse ku bizami byari byarabonetse mbere y'uko bikorwa.

Ibyo bizami byabonetse muri Lycée, maze abo muri minisiteri bati tugomba gushakisha no mu yandi mashuri. Mu by'ukuri ariko nta perereza ryigeze rikorwa ku buryo buhagije, kuko liste y'abo bana bari bimwe Diplômes zabo twarakurikiye dusanga yarakozwe ku buryo bufifitse. Ugenzuye kandi ibyemezo bari bafatiwe (APACOPE na

Iringaniza ryari ryageze no muri diplôme, Imana ikinga akaboko!

LYCEE) usanga bigaragaza imigambi n'ibitekerezo bibi by'abari babifatiye abo bana. Ndetse hari n'umukozi wo muri Minisiteri y'amashuri abanza n'ayisumbuye ushinzwe iby'icyo kibazo, agiye kunsubiza ambwira ngo "ahubwo twagize amahirwe yo kubona uburyo twikorera iringaniza muri ariya mashuri", ngo ryari ryarapfuye! Yego yabimbwiye tuganira bisanzwe, ariko burya ngo ukuri gushirira mu biganiro. Nimwiyumvire namwe!

Wongeye kwitegereza ibihano byari byafatiwe abo bana usanga harimo agahimano kateroshye. Nawe se kubona uhanisha abana igihano cyo kubirukana ngo nuko babonye ibizami kandi hari abandi babisubijwemo ibyo kuko birahwitse? Ndabona haragombaga gukorwa Minisiteri yo yabiteguye ntishobore kubibika neza. Ari Minisitiri ubwe wambwira ati dore ejo bazababaza ikizami, ati kandi ibyo muzabazwa ni ibi, yakwanga kubirebaho? Yego ntawashyigikira nyine abo bajya gushaka ibizami, ariko abo umuntu yakwiriye gucyaha bwa mbere ni ababibaha. Igihe byaba byagaragaye ko byabonetse abo banyeshuri babibonye bakabategurira ibindi ariko ntibirukanwe nk'aho baba babyihaye.

Abo bana bakimara gufatirwa ibyo byemezo, babyitwayemo neza, n'abayobozi babo ntabwo babatereranye, bakomeje kubabafashamo kuko babonaga bararenganye. N'abo muri APACOPE baje no kwandikira Minisitiri bamusaba kongera kureba neza ikibazo cyabo. Muri iyo barwa yabo yo kuwa 12 Kanama 1991, bamusobanuriye uburyo bababajwe n'imyifatire y'abakoze iperereza, maze baboneraho kubeshyuza bimwe na bimwe mu byari biri mu ibaruwa yabandikiye ababuza gusubira mu bizami nk'abandi.

Babonye ntacyo bashubijwe kandi undi mwaka w'amashuri ugiye gutangira, batangira kwishakira amashuri yigenga yashobora kubakira n'ubwo byari biruhije, bamwe bari bayabonye, nuko bagiye kumva bumva ngo bihutire kugera ku mashuri yabo kugirango basubiremo ibizami. Ibyishimo bari bafite uwo munsi bamenye ko bemerewe gusubiramo, byerekanaga ko bari barenganyijwe koko, kandi bari bizeye kubona Diplômes zabo, ibizami nta bwoba byari bibateye kuko ibyerekeye ubwenge ngirango muzi ko APACOPE iri mu mashuri ya mbere mu Rwanda afite abanyeshuri b'abahanga niba atari yo iri ku isonga. Ibyo ariko ntibitangaje kuko burya ngo "agira gitereka". Iyo urebye muri iki gihe ubuhanga buvanze n'ubushishozi abayobozi b'icyo kigo bakiyoborana, yaba Diregiteri, Préfet des Etudes na Préfet de discipline; ukareba ubwitange bw'abarimu ndetse n'ubwumvikane buri muri icyo kigo, ntiwabura kuvuga ko Collège APACOPE ari ishuri ntangarugero mu Rwanda. Ni nayo mpamvu ababyeyi benshi baryirukira, ubu rirera abana basaga igihumbi.

Ibizami rero baje kubisubiramo, nubwo babikoze mu buryo butari busanzwe, bashoboye kuhivana.

Nubwo mu babikoreshaga ba Minisiteri harimo umwe washakaga gukomeza kubakandagira, yaje gushyira mu gaciro abana babona Diplômes zabo bari bakoreye ku mugaragaro.

Ikibazo nk'iki cyari gikwiye kubera isomo Minisiteri y'amashuri abanza n'ayisumbuye, yajya igira icyemezo ifata nk'icyo yari yafashe mbere, ikabanza igashishoza kuko gishobora kugirira nabi abo gifatiwe n'abagifashe kitabaretse kuko kiba gishobora kubatesha ikizere abaturage bari babafitiye; amahirwe nuko bikosoye, burya ngo "ubugabo butagaruka bubyara ububwa"

BAMEREWE NAAABI !!!

Burya koko ngo ijoro ribara uwariraye. Abenshi ntibasobanukirwa n'akababaro ka bariya bantu basaga ibihumbi ijana by'abakuwe mu ngo zabo n'intambara bafite. Bugarijwe n'ibyorezo by'ubwoko bwose, mbese ntako bameze, imfashanyo n'ubwo ibageraho ntacyo igabanya ku kababaro kabo; yego n'uduke turuta ubusa, ariko imfashanyo nyayo yabagirira akamaro ni uguhagarika intambara. Dore namwe bamaze umwaka wose ku gasi, none batangiye undi, bazarinde kuwuharangiriza koko? NONE SE MANA KO ABASHOJE INTAMBARA BADASHAKA KUYIRANGIZA!! Ahubwo bakomeje guhiga ubutwari ngo bishe aba n'aba.....

Kugeza ubu ariko siniyumvisha impamvu batareka nibura bamwe muri bo bafite bene wabo ahatabera imirwano ngo babasange bajye kubitaho! Harya ngo ni ukwanga ko bajya kuvuga uko byifashe iyo mu rugerero? Ibyo ariko byaba ari ukutareba kure kuko amaherezo bizamenyekana. Twagiye twibuka ko umuntu ari nk'undi koko!!

Ndabona nimukomeza kubakumirira muri kariya kababaro, amaherezo hazavukamo INKOTANYI N°2, maze ahubwo bikajya byahumira ku mirari, ureke bimwe by'ibiganiro!

Bariya bantu bakuwe mu byabo n'intambara bamenye neza akababaro impunzi z'abanyarwanda (arizo zavuyemo zimwe mu Nkotanyi) zagize, na n'ubu rukigeretse; ibyo nta kwiriirwa tubitindaho kuko bariya bo bamaze umwaka umwe gusa mu buhungiro kandi bo bafite abanyarwanda bene wabo babitaho. Ndebera rero abamaze imyaka isaga 30 kandi baba iyo mu mahanga, ntawe ubitaho, batavuga ururimi rumwe, mbese muri make barashavuye! Mwarekeye aho gukomeza kongera abashavure! Yego nimukomeze mubiteho mubahe udusaka two guseramo abana agakoma, ariko ikiruta ibindi nimuhagarike intambara, basubizwe mu ngo zabo n'abamaze isaga 30 ku gahiri n'agahinda bakurwe ishyanga, u Rwanda rwongere rube rumwe rwatembaga amata n'ubuki.

IBAZE MAZE USHYIRE MU GACIRO!

Charles KALINGANIRE

UMWAMI MUTARA RUDAHIGWA NA KIG
NDAHINDURWA BARI BARAGUYE AMARE

RANGIRA Adr

photo Jeune Afrique

Umbubano w'u Rwanda n'u Burundi si uwa none! Uwo ni Umwami KIGERI w'u Rwanda, Umwami MWAMBUTSA w'u n'Umwami BAUDUIN w'u Bubiligi.

Mubyo Prezida HABYARIMANA baturatira yagezeno, ngo harimo no kuba yaraguye amarembo tugashyikirana n'andi mahanga! Ibyo ntako bisa, uretse ko ahubwo ndeba u RWANDA rumaze kugarira amarembo!

Iyo nshubije amaso inyuma, nsanga umubano uduhuza n'ibindi bihugu utaratangiranye na HABYARIMANA cyangwa se na KAYIBANDA ahubwo watangiye kera cyane. Umwami MUTARA RUDAHIGWA ari mubaguye amarembo y'u Rwanda haba hafi aha mu bihugu duturanye haba kure nk'iyo mu Burayi! Umwami KIGELI yaje atera ikirenge mu cye! Batubanishije neza n'UBUBILIGI n'ubwo bwaje kubakorera ibya mfura mbi, batubanisha neza n'UBURUNDI, batubanisha neza na Uganda, Tanzaniya, Kongo n'ibindi bihugu. Iyo ni intambwe ikomeye u Rwanda rwari rumaze gutera uretse

photo le RWANDA

Izo ni intumwa z'abagande zari zaje mu RWANDA



ko nyuma naje kujya numva KAYIBANDA atukana kuri Ra MICOMBERO w'UBURUNDI Amini w'Ubugande avuga ngo KIGALI mu masogonda make yari gusiga asutse icyayi mu itasi kitarahora!) Ntabwo rero baradushyamiranije n'ibindi bihugu njya mbyumva hanze aha! Yego batera ibihugu duturanye, ariko bongere icyacu (dore ko baduhangitse icya kabiri cy'u RWAN Rwabugiri) ariko nabo bagiraga Ahubwo rero ibiri ubu birasekeje! ngo u Bugande burashaka kwigar karere dutuyemo!! U Rwanda rurashaka kwishumbusha Burundi ntabwo mwawuya!

IFUNGURO JENERÁLI YAHAYE IMPUNZI Z'INTAMBARA NTAHO RYABAKOZE

RANGIRA Adrien.

EDITORIAL

UTAZI UMUNYARWANDA

ARAMUBARIRWA

…korera icyo umubwiye akikiriza uti …AMUVOMA agasubiramo, uti mutange … akayaguha urufaya uti vayo dukore …da ati "ndiyo bwana"! Iminsi igashira … igataha, ubutegetsi bwahinduka, …rwada ati nabibonye kare! Ati na ya …ga yose umbuza kwikorera, umbuza …ira ngo ndarambisha muvoma, burya …ga bizamara iki?

…ya twabikoreraga kwirwanaho ngo …bitira ikiboko ukatubuza kwirira …! Umuturage aherutse kunsetsa cyane …wo dusekana, none reka mbibabwire. …urage ni uw'i Gitarama ! Ati ejobundi … HABYARIMANA yaradusuye … cyane weee! Twese twashakaga …a mu ntoki ngo tumusezereho bwa … kuko twasangaga ariyo nshuro ya …je i Gitarama ari Perezida wa …, ubundi hazaza undi! Ati ntibiteye …bona atwoherereje MRNDD ngo ije …majwi! Ati twarakubise twuzura stade …a niba MRND ikizi kubeshya nka …ri twagiye inama maze icyo bavuze … mu mashyi, bakagira ngo …a kandi tubaseka! Batashye bati ni … nsa nsa nsa nsa! Ubonye na …PATSE Matayo ngo aragwa mu …ibanyenduga, kandi yaravukiye mu …a ni akumiro! Ati uko ndeba ubu …ya MRNDD, iyo ngeze kuri bariyeri … nta ruhushya rw'inzira mfite, … karita hasi kandi ubwo mba … n'umudari wa Shefu n'ingofero, … babibona bati ikomereze ariko …bindi! Ati ubwo iyo ngeze imbere …mbona ndaseka cyaneee …, kuko mba nibuka ko itora ari

Aka kayabo k'amafaranga 83 Frw muzaguremo amasuka yo guhinga muguriremo n'abana ibikoresho by'ishuri, mutibagiwe n'agakoma k'ababyeyi

Abakuwe mu byabo n'iyi ntambara ntibasiba kwiyongera. Amanama yirirwa akorwa hirya no hino, yo gukusanya imfashanyo yo kubaha. Siniriwe mvuga abacuruzi bahunze intambara ibyabo Leta ikabyigabiza; reka nivugire bariya bahunze imirwano, tukaba tugomba kubafasha uko dushoboye kuko babaye cyane kandi bakaba bari mu kigwi cyacu twese. Twakoze uko dushoboye turikokora, yaba imiryango mpuza-mahanga, byaba ibigo byigenga cyangwa bigengwa na Leta ndetse n'abantu ku giti cyabo, dushakashaka utwenda, udusahani, udusafuriya, utulingiti mbese buli kantu: byose birakenewe.

Ejo bundi rero Perezida HABYARIMANA asanga agomba kugira icyo agenera izo mbabare nuko arahaguruka ajya mu MUTARA no mu RUHENGERI aho yasanze abantu bavanywe mu byabo barenga ibihumbi 120 maze abarebera akayabo k'amafaranga miriyoni icumi zose!!! Twamuhaye amashyi menshi n'impundu kuko twumvaga abamaze ubukene cyane cyane ko yababwiraga ko bazaguramo amasuka yo guhinga, bakagurira n'abana ibikoresho by'ishuri ntibibagirwe kugura amasaka yo gushigishira agakoma ababyeyi ndetse n'abasaza bakagura agatabi.

Izo miriyoni icumi z'amafaranga y'u Rwanda twaje kuzitera imirwi, maze dusanga yarahaye buri muntu akayabo k'amafaranga 83 yose (10.000 : 120.000 = 83 Frw). Murabona rero ko ntaho yabakoze: none se iyo biba ngombwa ko baza kurya muri resitora i Kigali ntibari kuzenguruka umugi wose bakaruhukira muri **Bissmlah** muri **SODOMA**?! Ibaze rero ko bagombaga gusagura n'ayo kugura amasuka yo guhinga ndetse n'ay'agatabi!

MUKOMEZE UMUTIMA UTABARA

…ELIER SISTERS

…obereye mu kudoda imyenda ku …wcho.Niba ushaka tissu nziza …desha ku buryo bunoze kandi … Atelier SISTERS maze … neza kandi udahenzwe! The …akwakirana urugwiro mu nzu …ya RUBANGURA Vedaste iri …routière ya Kigali,muri étage ya …TERS: c'est L'ELEGANCE !!!

NGIRE INAMA PREZIDA HABYALIMANA

Adrien RANGIRA.

Mazė iminsi nitegereza ibiri ino aha, none ndasanga ari ngombwa kubwira Prezida HABYARIMANA, uko byifashe dore ko ba maneko be bagomba kuba hari ibyo bamuhisha kandi akaba atigerera aho amashyaka akorera za mitingi ngo yumve uko byifashe! Bigeze iwa NDABAGA kandi sinzi niba hari intsinzi! Imyaka 18 Prezida HABYARIMANA ategeka u RWANDA, yakoze byiza byinshi turabimushimira, ariko aho bigeze ndabona ibyiza byaba gufata ibyemezo bikomeye nko kwegura cyangwa gufata iy'ubusamo, cyane cyane ntiyizere amatora kuko azumirwa!!! Dukurikije sondage twakoze turasanga abaturage bararakaye, mbese ubu ni abarakare wa mugani wa MRND ntabwo bazatindiganya kumugenera akayaho k'amajwi agera kuri 17,2% ubwo kandi harimo abanyabwoba nkabakundira gusa ko bazi ko itora ari ibanga!

Harya ngo MRNDD irashaka amatora! Ayi ga mama! Keretse niba hari irindi banga naho ubundi nayo abaye mwatangara cyane! Ndagira inama Prezida HABYARIMANA kwitondesha amatora agakomeza akaryaho n'abambari be, ntabwo ariwe ubyanze kuko nyuma azi uko bizagenda! Niko se! Murabona hazaba amatora mu Rwanda FPR itaraza? Mu yandi magambo MRND ntishaka gusubiza ikibazo cy'Inkotanyi, izarwana kugeza ku wa nyuma! Yewe ga Muvoma! Mu Rwanda rwose ni mwebwe musigaye mutekereza gutyo.

N'abandi bizeye amatora, nyuma barumwirwa!

Alberto wa Cap Vert yari yarigize igihangange abaturage bamukomera amashyi, amatora aje aviramo aho, ataha yimyiza imoso!

Matayo KEREKOU wo muri Bénin ngo yari azi ko abaturage be bamukunze cyane, nyamara amatora ageze inzogera zirirenga atanga imyanya! kandi rero ho nta n'inkotanyi zihaba! Waba se wibuka KAUNDA wa Zambiya aza ino aha ari Prezida nawe uri Prezida! Ndibuka za animations zikaze, ngo "One Zambiya, One nation", "One Rwanda, one nation" muti abaturage turabafite, nyamara amatora aherutse kumukubita inshuro kandi mbere gato y'uko yumirwa yarimo atangaza ko abaturge bose bamushyigikiye?! Waba se waributse kumwohererereza ka teregaramu k'akababaro?

Ubwo se Nyakubahwa Prezida, urabona ufite irihe banga ku buryo wakwizera amatora? Cyane cyane ko noneho wowe kurundi ruhande ufite n'Inkotanyi! Ndabona twarazisuzuguye ubwo hagomba kuba hari irindi banga, kuko burya nta kindi zishaka

Inshuti yawe Kenneth KAUNDA ko amatora amukubise inshuro, Nyakubahwa Perezida waba wowe ufite irihe banga?!

hanze binjire hagati twigaragambye bigore amahanga! Nyamuneka turisonzeye, widusonga wishinga abagundira: bo bafite ibihugu bikize ku biribwa, barigaragambya

Uwo ni Mathieu KEREKOU wahoze ari Prezida wa BENIN agakubitwa inshuro n'amatora

umunsi wose, bafaha bagatema igitoki bakararira! Twebwe tubishinze hajyaho isosiyete yo guhamba abishwe n'inzara. Dore rero inama isumba izindi: Emera ibyo andi mashyaka agusaba, hajyeho guverinoma isangiwe n'imitwe yose ya politiki yo mu RWANDA! Naho ibyo kugundira, bya bindi watubwiye ngo twese abanyarwanda urashaka kutwirongorera tukibera abagore bawe, (je voudrais me marier avec tout le peuple rwandais) byaragupfanye umuranga wawe KAREMERA Jean RUKUSANYA yarabizambije, ku buryo n'abari bakibaza bakubenze! N'ubwo twari twarahanye igihango kandi ukaba wari warafashe irembo, za PL, PSD, MDR zaraje zifata urugi! Ihangane ni ko bigenda! Indi nama ni uko

kuvuga utugambo dusize umunyu dushi... rubanda! Indi nama ni ukutazong... kutubeshya nka kera ngo Inkotanyi zirab... kudusubiza mu buja kuko byo n'ib... binyoma byagabanya na ya majwi 17... kugeza ubu wari ufite!

Ndangije nizera ko vuba ... RUKOKOMA izatugeraho bitabaye ... ukemera gufata ibyemezo bikaze nab... mvuga haruguru nk'icyo guca iy'ubusamo ... HISSEIN Habré wa Tchad na Marian... Ethiopie hanyuma ukatureka tukirwa... Gusa ni ukwitwaza aba G.P. kuko ngo ha... iyo ari Inkotanyi nsa nsa nsa! Ese wakwem...

Hissen Habré wa Tchad yanze kurwana... atatsinda, anyura iy'ubusamo.

UMUHANDA GITARAMA- KIBUYE NGO NONEHO ITAKA NIRYO RYAWUDINDIJE!

Ikibazo cy'umuhanda Gitarama-Kibuye cyaranditswe, kirataramanwa muri Mitingi biratinda. Ndetse ahubwo ubu cyabaye iturwazo rwo kureshya abanyakibuye ngo bashakamo abayoboke b'amashyaka. Ku bwanjye ibyavuzwe kuri uriya muhanda byari bihagije, ariko ikinteye kukigarukaho ni uko MRND ikomeje gutoneka umunyakibuye, cyane cyane bamwe baguzwe imbehe bikageza aho bayibera ibyitso ku KIBUYE. Ubundi twese abanyakibuye bari bamaze no kurambwa uriya muhanda kubera ko atari ubwa mbere bahura n'amareshya mugeni y'iyi ngoma ya kabiri: Ku italiki ya 14/8/1981 sibwo se Habyarimana yabwiraga abanyakibuye aya magambo?: "Ku byerekeye umuhanda Kibuye-Cyangugu muzi ko iyigwa ryawo ryarangiye. Tukaba twarabifashijwemo n'umuryango wa Banki y'Afurika itsura Amajyambere (BAD). Uwo muryango kandi wawemereye n'amafaranga agera kuri miliyari imwe yo gushyira kaburimbo mu gice cya Ntendezi-Cyangugu. Mu gice gisigaye kuva Ntendezi ugana ku Kibuye nabwo wawemereye kuzadufasha, ariko itubwira ko kubera ko amafaranga ngombwa ari menshi (agera kuri miriyari enye), ko twakwifashisha n'izindi nshuti. Tukazasigara dushaka ayo gukora umuhanda KIBUYE-GITARAMA"

N'ubwo ntari ahavugiwe aya magambo, ndemeza ko aha Jenerali yahaberewe amashyi, ba bakaraza bo mu Birambo umurishyo bakawuvuza bigatinda. Nyamara se ugira ngo uretse no gukorwa, uyu muhanda wa Ntendezi-Kibuye wongeye kubura no kuvugwa?!

Tugarutse kuwa GITARAMA-KIBUYE, wo ntangira navuze ko wavuzweho byinshi ndetse byendaga no gucwekera iyo kinyamakuru cya Muvoma ya jenerali kidukina ku mubyimba abanyakibuye bose, cyandika ko itaka ryinshi riri mu muhanda wa GITARAMA-KIBUYE ariryo ridindije imirimo y'ikorwa ryawo!!

Ku baba batarabashije gusoma iyo nyandiko, muri make ngo UMURWANSHAKA uratungira agatoki abatanze za kimaramururumba dore ko inzara bari uko imera. Ngo uwo muhanda wagragayemo itaka ryinshi (80.000m3) rikaba ryarabuze aho rikwirwa!! N'ubwo ntize ibyo gukora umuhanda bwose, aha umuntu yakwibaza niba koko ku Kibuye ariho hazahowe itaka riruta iry'ahandi hose hakozwe imihanda. Ryaba se ari rimwe rirunze ku rutare rwa Ndaba?!

Abanyakibuye bashize iroro nibareke kubafata nk'abana. Yego ingoma ya Repubulika ya kabiri yateye intambwe igaragara, mu kubadindiza ariko burya nta ngoma zidashira! Kuba Muvoma yariyambaje ikirisari y'akazu jenerali yashinze mu

umuhanda siwo kamara. Ashatse yava mu byaha agakurikira umurongo abanyakibuye nka Ntamabyariro Agnès na Niyitegeka Eliezer bakurikiye, naho ubundi umunsi akazu kaguye kazamugwira(si kera kandi!) abe aka ya mbeba yakurikiye akaryoshye mu nsi y'ibuye ikahakura inda y'akabati. Rukusanya Edouard we ibishyimbo yatse ngo ajye gufatanya

kera ko badatinya igitsure ahandi bise igihango cy'umubyeyi, maze batoye umukara Muvoma iti umenya ari ukwibeshya, ubukurikiyeho izana icyatsi kibisi, iragitongera ngo icyatsi kibisi mu Rwanda hose, nacyo ntibakirebera

Ngurwo urutare rwa Ndaba ngo rurunzeho igitaka cyadindije ikorwa ry'umuhanda wa Kibuye !

CENTRE DE FORMATION ET DE RECHERCHE COOP.
C. F. R. C.
B. P. 1318 Kigali
RWANDA

abanyakibuye n'inzara aribeshya kuko iyo myaka tuzayitapfuna bitatubujije kwanga kuba ingaruzwabishyimbo!

Ubundi se abona ko abanyakibuye batazirikana ibyo MRND yabakoreye ibima umuhanda ngo bagire aho bahahira na hamwe. KIBUYE-GITARAMA; ivumbi, KIBUYE-GISENYI: ivumbi, KIBUYE-CYANGUGU: ivumbi, KIBUYE-NYABISINDU naho ni ivumbi!! Rero ngo Kibuye yabonye imishinga da! Gutera amashyamba! Abanyakibuye se ni ibyondi byo kuba mu mashyamba? Ngo hari amashanyarazi, ni uko nta kundi byagombaga kugenda yari inzira ijya i Mururu (Cyangugu). Kubona na Vedette hari igihe yanga kunyura ku Kibuye ikahuranya ikivu igahuza Gisenyi na Cyangugu?! Genda Kibuye warakubititse!

izuba bitorera ikijuju! Ubu ngubu bwo barakangutse ku buryo umusaza umwe yumije abantu bamubajije niba atarishimiye itangiza ry'ikorwa ry'umuhanda GITARAMA-KIBUYE; nuko umusaza mu gusubiza ati "Habyarimana yaduhaye ibuye ntiyaduhaye umuhanda"!! Hari aho yabeshye ra? Undi nawe yumwise Ntagerura na Ngirabatware barimanganya kuri Radiyo ngo umuhanda uri karibu gukorwa ati "nibareke kubeshya, ese ubundi bawuretse ukaba nyaburanga (touristique) ko numvise umucuranzi Masabo avuga ko ba mukerarugendo ubagwa neza, ndetse akawushimira n'abanyarwanda bose, tukazajya tuwibukiraho ibyiza ingoma ya kabiri na Muvoma yayo batugejejeho"!! Yewe, burya koko akanwa gatamira kataguha iyo kavugije induru ukima amatwi! Muvoma sigaho gutoneka abanyakibuye, nta wo amabuye ahinduka igitaka. Wabona ubucha

UMUTUTSI N'UMUHUTU NTACYO BIGEZE BAPFA, UMUZUNGU NIWE WABAYE KIDOBYA

KALINGANIRE Charles.

Ntagushidikanya, ibi bihe bibi turimo by'intambara byatewe n'abazungu, baje badukoroniza, bajya gutaha bagasiga bamaze kubibyemo imbuto y'umwiryane. Baza mu Rwanda basanze abana b'u Rwanda bose ari bamwe, n'uko bati aba bakenya ntawabarengeramo atabanje kubacamo ibice. Erega ubwo biba biratangiye; baduhimbira ibyamoko bati: wowe uvuka muri Ethiopia, na we ukavuka muri Cadi; ubwo amacakubiri aba aratangiye. Ntibyatinze abo bazungu batangira kwigisha ngo abatutsi ni n'abazungu, ngo bavukiye gutegeka abandi... Ibyo byose babikoreraga ubugome, ni inda nini yari yarabazanye kugirango babone uko badukandamiza banyunyuza igihugu cyacu.

Umwiryane ubwo wahise utangira mu bana b'u Rwanda, itwika ritangira ubwo. Nta mututsi cyangwa umuhutu wigeze yitekerereza gutwikira undi, abazungu nibo babibashyizemo. Ndetse n'igihe RUDAHIGWA yaramaze gutanga; umuzungu witwa HARROY (akaba ari nawe nyirabayazana w'ibi bibi byose) yaravuze ati: nta wundi Mwami ugomba kujyaho kugeza ubwo Umwami w'ububiligi agize icyo abivugaho; ubwo abari aho i Nyanza (ari abahutu, ari abatutsi) baratamitse bati turakurasa, nuko yemera ko NDAHINDURWA yimikwa. Ibyo rero birerekana ko rwose abanyarwanda bose bari bashyize hamwe icyo gihe. Riyobowe n'abazungu, itwika ryatangiye ku itariki ya 07.11.1959 ritangirira ku NDIZA, rikwira u Rwanda rwose. Kugirango abo bazungu bacemo ibice abanyarwanda bifashishaga ibikoresho byabo nk'uwitwa BICAMUMPAKA wabwiraga abanyaruhengeri b'abahutu ngo batwikire abatutsi kuko ngo abatutsi banze umwami. Ikindi cyerekana nk'abo bahutu bo mu Ruhengeri batwikiye abatutsi ariko ntibababishe, ndetse n'abatutsi bahungiye i Bugesera abahutu bari baturanye babagemuriraga ibyo kurya kuko bari baranywanye.

Abazungu nibo batangiye kwica abatutsi babarasa, bitangirwa n'umuzungu EGERMOND ni nawe wamaze abatutsi b'i BWANACYAMBWE. Ibyo babikoraga bereka abahutu nabo ngo babakurikize, nyamara barabashukaga, kuko iyo abo bazungu bashakaga kurushaho guteranya abahutu n'abatutsi bica umwe mu bahutu barangiza bakabigereka ku ngorwa y'umututsi. Urugero ni nk'umudepite KAJANGWE w'i Kibungo wishwe n'umuzungu DEWELD icyo gihe yarafatanyije n'uwitwa SEBAZUNGU Isidor maze uriya mudepite bamutsinda mu rugo rw'umututsi aho yari yagiye gusura umwana yari yarabyaye muri batisimu; bamaze kuhamurasira byitiriwe abatutsi kugirango abahutu nabo bihimure. Kugeza ubu n'umugore w'uwo mudepite azi neza ko umugabo we yishwe n'umuzungu. Ntawakwiririwa asubira mu byakurikiye urupfu rwa KAJANGWE, byabara abarohaga abatutsi bo muri ako karere mu nzuzi n'ababatemaguraga ngaho ngo barishyura amaraso ya KAJANGWE yamenwe n'abatutsi ! Icyo kinyoma cyahawe intebe mu Rwanda, kugeza ubwo Depite KAJANGWE ashyizwe ku byapa mu mihanda (rue); ndetse-ejo bundi uwo muzungu Deweld yaje gusura SEBAZUNGU, acumbika muri HOTEL DEREVA; yari yaje no gusura uwahoze ari umuboyi we witwa DOMINIKO alias KEMU. Uwo muboyi we nawe yajyaga arasa abantu nk'urasa inyamaswa yohejwe na shebuja DEWELD.

Dukwiriye kwikuramo urwo rugero rubi twahawe na bene madamu, tukamenya ko twese turi bene kanyarwanda, tukiha amahoro ubusabane hagati y'abanyarwanda

photo le RWANDA

Ntacyo abanyarwanda bapfaga, kidobya ni umuzungu

Umugambi w'abazungu waje kugaragara muri ya nkubiri ya demukarasi yo muri 60. Muti byagenze bite rero: icyo gihe ubutegetsi bwariho bwashakaga ubwigenge; abazungu babibonye bati, aba bakenya tugomba kubicisha, ndetse tugateza n'imidugararo, hakajyaho ubutegetsi bushya, mu gihe butarasobanukirwa, na twe tuzabe tukibategeka. Umugambi wabo baje kuwugeraho, maze bafatanyije n'abanyarwanda bamwe bari baragizwe ibikoresho byabo baba bishe umwami RUDAHIGWA; bateza n'imidugararo mu gihugu. Mu byo MUTARA RUDAHIGWA yazize, harimo iby'uko yashakaga ubwigenge. Ibyo yabigaragarije ababirigi muri 59 ubwo yari mu ruzinduko mu bihugu by'i Burayi. Ageze ino ni ho yabisobanuye ati: ndashaka ubwigenge bucagase muri 61; hanyuma ubwigenge busesuye muri 62. Ubwo ababiligi bati iri shyaka rya UNAR rirashaka kutwubikira imbehe, reka tumwice (RUDAHIGWA) maze RADER na PARMEHUTU tube ari zo dukorana kuko zo ... ko zishaka ubwigenge mu mwaka

photo le RWANDA

Abazungu baratujijuye, ariko batwigisha no kwangana

ABAMILITA KAJELIJELI, RWAMBUKA NA GATETE BARI MU IRUSHANWA RYO KUMENA AMARASO

BAZIMAZIKI Obed

Abo ba milita ba Muvoma nyamara ntibaturanye! Nta n'ubwo yewe bavuka hamwe ngo bibe bya bindi by'abaturanyi babyara abana basa! Ariko nyamara wareba ubwicanyi bwabo ukaba wagira ngo nibo bateguriye jenerali ya disikuru y'i Gabiro yo kwihorera. Ni mu gihe ariko da! Ubundi umwera uturutse ibukuru bucya wakwiriye hose! Uyu mugani urasanzwe.

Mu gihe Kajelijeli yari akiri muri ka pause (akaruhuko) ko kwica, amakuru anyuranye akomeje kutugeraho aturutse mu Bugesera, atumenyesha ko muri Komini Kanzenze Rwambuka Fideli ayiyoboye mu maraso. Ngo we INKOTANYI zaba zaranamwandikiye ibarwa imumenyesha ko n'ubwo yagira ate nta handi ashobora kuzicikira uretse mu ijuru, ngo ariko nabwo hagenda umuzimu we, dore ko roho igira abakirisitu. Mu minsi ishize ngo Rwambuka yaba yarakoresheje inama y'abatutsi arababwira ngo n'ukuntu natemye bake basha; tuzabonana.

Indi mpuruza yo iraturuka iyo mu Mutara aho Burugumesitiri wa Komini Murambi Gatete wakomeje guteteshwa na Muvoma mu bwicanyi bwe, yanze guhigwa mu gushyira mu bikorwa intego yo kwihorera. Uwatugejejeho iyi nkuru aragira ati: Byatangiriye muri segiteri Rwankuba ku itariki ya 7/11/91, baratema, barasahura kugeza no ku gasambi kari mu nzu. Konseye w'iyo segiteri afatanyije na Gatete nibo bari babishyigikiye. Ubwo kandi batemaga bavuga ngo abatutsi baratumaze,abatutsi baratumaze. Ibi Gatete na Kampayana bakaba nabo baratihyutse kubivuga kuri Radiyo Rwanda! Icyakora ntibitangaje kuko nta kuntu Kizungu yari kwica umuntu umwe agahabwa lifuti yo kwigamba kuri Radiyo, ngo Gatete watsembye ahabure urubuga!

Ariko se ko utagera i Murambi abeshywa byinshi, buriya Gatete na Kampayana basobanura bate ukuntu umukecuru Konsesa w'imyaka 62 yafashe umupanga agatemagura abahutu? Uwo mukecuru utuye i Gituza ho muri segiteri Rwankuba, baje iwe mu masa moya ya nijoro basanga arwaye umugongo. Nibwo bamuhubuje ku buriri baradiha intere bayishyira mu kirambi bizeye ko bamuvanyemo umwuka.

Abana barakubitwa ari nako babasaba amafaranga, radiyo n'ibindi. Padiri niwe waje kujyana uwo mukecuru kwa muganga naho abana bahungana n'abandi, bamwe bahugira kuri paruwasi ya Kiziguro, abandi bahungira hakurya muri Komini ya Gikoro. perefegitura ya Kigali.



Amasubiza ko bitamureba, ko ari abaturage birwanira. Nibwo uwo Bisengimana amanutse agera kuri Muhazi abwira abantu ko bambutsa umuntu wese uhunga, dore ko Gatete yari yahagaritse ubwato bwose, ngo hatagira ucika umupanga. Ku babashije kwambuka Muhazi bagahungira muri Gikoro, bahungiye muri segiteri Rubona, Mununu, na Duha. Kugeza ubu umubare w'abapfuye nturamenyekana neza.

Aha rero umuntu akaba yakwibaza igihe amategeko y'u Rwanda azakurikizwa, uwishe agahanwa. Ariko nanjye ndabaza ubusa,Kajelijeli cyangwa abandi bose bishe babajijwe iki? Gatete nta kuntu atari kongera kwicisha abantu kandi ibinyamakuru byinshi nk'ISIBO, intumwa Le Messager, Imbaga n'ibindi byaramaganye ubugome bwe, ikinyamakuru cya Leta iriho ubu kikamurwanira ishyaka ngo ararengana, umunyamakuru wa ORINFOR uba i Byumba akamutiza umurindi mu kubeshya abumva Radiyo Rwanda bose. Kubeshya twari tumenyereye ko Kampayana abigira ... babandi yita inyenzi gusa, none ... kuzobera mu kubeshya asize umugani ... Rwanda, iyo umuntu atangiye kubeshya ... abavuga **IGIFORORENTI**.

Igiteye impungenge ni uko uwo ... mubi uri muri Murambi utangiye ... segiteri Duha yo muri Gikoro. Twizere ... bitazashoboka kuko nk'uko mu kinyarwanda ... baca umugani ngo i Burundi si i B... Gikoro atari i Murambi, na Bisengimana ... Gatete. Bityo ba Rwageshe na ... Rwamaganywa b'i Duha bakabona ... bamenera.

Gatete rero nawe Rwa... mukwiye gusanga Kajelijeli ... mukinegura. Muzasanga ayo maraso ... ntacyo azagabanura kuri iyi ntambara ... iby' umwanya wa mbere mu irushanwa ryo kumena amaraso, mwese mwagombye ... nimusubize inkota mu kabati ... rwubati,nimuhumure MRND ... kubambika ya midari itanga ... ibishye!!

TWAGANIRIYE NA MADAMU GASORE EPIPHANIE

CENTRE DE FORMATION ET DE RECHERCHE COOP.
C.F.R.C.
B.P. 1318 - Kigali
RWANDA

Uwo ni Madame GASORE Epiphanie

Duherutse kubona ibarwa ivuye mu biro ntaramakuru byigenga by'Abafaransa, ivuga ko ngo hari umuntu MRND yaguriyengo aturoge! Ibyo bintu twasanze nta kuntu byabyicarana tujya kubibaza madame GASORE Epiphanie dore ko buke ngo ariwe wari burangize uwo murimo afatanije n'undi witwa Marthe abo bose bakaba ari inshuti zacu.

-Ibyo bintu nanjye naranyumvise ndetse nza guhura n'umuntu anyereka copie yiyo baruwa, nsanga mu by'ukuri ibirimo bihwanyi n'ibyo nari maze iminsi mike mumvise kuri telefone saa tatu z'ijoro mburiwe n'umuntu wiyise innocente. ubwo yaterefonye amambwira ngo nzande ibyo ndimo jyewena mugenze wajye Marthe byamaze kumenyekana umugi wose ko twaguriwe na MRND kugirango turoge abanyamakuru ba kanguka.

Icyerero nabanje kubisuzugura ngira nti ni rya terabwoba ryo muri iki gihe usanga umugabo akorera undi, noneho kugirango amuteshe umutwe, gusa agakoresha itera bwoba nkubwo nk'iryo. None dore birinze no kugera no mumazandiko ngaho kwa Perezida wa Repubulika, ngaho muri za ambassade reka ninakubwira.

KANGUKA: Ubu se koko urahakana ko udashaka kuturoga cyangwa kutwica ukoresheje uburndi buryo? Ese ubundi niba ari ibanga, muzatuziza iki ko nta muntu twagiriye nabi, tukaba dukora akazi kacu nk'uko n'abandi bose bakora akazi bashinzwe, uhamatse aribyo, mwaba mutuziza iki,

MADAME: Ndagirango ngusobanurire ko ibyo bintu byose ari ugusebanya. muby'ukuri ndifashije kuburyo ntakeneye kwibikira amafaranga yo kumena amaraso ngo nkunde ntecho. Akazi nkora karantunze jyewe n'umaryango wajye.. Iyo MRND bavuga ngo yampaye, ndagirango nkumenyeshe ko amahingiro bifite, ibyo biro by'iperereza nabyo ngo ko binkoresha, ndakumenyesha ko ibyo kuko byatangiye kera. naguha ingero mu Kinyamakuru LE TRYBUN N°3 ndetse na LE MESSAGER N°4

Jean Carlos KELLY
Private Information Agency
30, Rue de Picpus
75012 Paris
FRANCE

Paris, le 12.10.1991

A Madame Epiphanie GASORE
KIGALI

Madame,

Il y a de cela quelques jours, nous avons recueilli une information au sein de notre agence, faisant état d'une préparation d'assassinat de messieurs Vincent RWABUKWISI, Adrien HARIHA et Charles KALINGANIRE , tous journalistes à KANGUKA.

Vous savez Madame, que vous avez reçu une bonne somme de la part des services de renseignements rwandais, (si vous voulez que l'on précise combien on va le faire) pour empoisonner ces trois garçons comme vous l'avez fait pour votre mari, et cette fois-ci vous allez le faire en complicité avec une femme qui répond au nom de Marthe et dont le frère est bourgmestre de NYARUGENGE - KIGALI.

Chère Madame, je vous demande de faire trop attention car nous suivons le pas des journalistes. On aurait souhaité les empoisonner en prisons de KIGALI-NYANZA, et ne voulant pas créer un scandale car l'opinion national et international était tourné vers eux, ils ont réservé la tâche à la sortie de la prison. Mais... jusqu'à quand les hommes qui disent la vérité dans votre pays cesseront d'être opprimés ?

Toutefois, sachez que quatre agences au monde dont notre P.I.A. sont chargées de veiller à ces journalistes surtout à monsieur Vincent RWABUKWISI. Tu voudras bien cesser immédiatement ces manoeuvres et si tu as commencé à exécuter la tâche, prends soin d'y remédier sans délais. Si un de ces journalistes mourait quand bien même de mort naturelle, tu seras la première et ta complice Marthe à être apprehendées ainsi que les responsables du M.R.N.D. qui continuent à faire la sourde oreille quand au respect des droits de l'homme.

A bon entendeur, salut.

Jean Carlos KELLY

C.I.A. :
- Monsieur le Président de la République Rwandaise - KIGALI
- Monsieur le Directeur du Service Central de Renseignements - KIGALI
- Monsieur l'Ambassadeur (tous) - KIGALI
- Monsieur le Procureur (tous) - KIGALI
- Amnesty International - LONDRES
- Journal KANGUKA - KIGALI

MUKAMANA Epiphanie
B.P 540 Kigali

Kigali le 18 Nov 1991

Monsieur JEAN CARLOS KELLY
PRIVATE INFORMATION AGENCY
30,Rue de Picpus 75012 Paris
FRANCE

Monsieur,

Je viens de recevoir votre lettre faisant état d'une préparation d'assassinat des journalistes de Kanguka.Cette lettre témoigne votre souci pour la vérité et la sécurité des gens et,je vous encourage à persévérer dans votre noble tâche.

Les journalistes de Kanguka ont,en effet,été incarcérés à maintes reprises et relachés,suite à leurs écrits ne plaisants pas toujours aux autorités.Nous avons le ferme espoir que notre pays va évoluer vers un climat plus démocratique et que le multipartisme déjà engagé va y contribuer sans cesse.

Par ailleurs,dans un climat comme celui-ci,il faut beaucoup d'objectivité pour des gens de votre métier ainsi que pour tous ceux qui veulent oeuvrer à la construction d'unesociété plus juste.

La situation encore fragile que traverse notre pays exige une vérification méticuleuse de l'information,autrement elle serait qualifiée d'oiseuse et classée sous la rubrique des rumeurs.

Pour de sérieux reporters que vous êtes,je suppose, soucieux de construire une société juste et démocratique,vous n'auriez pas du publier une aussi fausse information dénuée de tout fondement et d'en informer la mondeuse information perpétrée plus-tôt par mes détracteurs,jaloux de ma situation tant sociale que professionnelle.

Il n'y a plus absurde que de convaincre le monde de mon appartenance au parti politique MRND et ainsi Agent du Service Central de Renseiggement chargé,de surcroit,d'assassinatcomme,selon vous,je l'aurait fait pour mon mari,sans y apporter la moindre preuve.Je pense donc que des informations de cette nature risquent de vous déqualifier,s'elles ne sont pas d'abord vérifiées avant d'être transmises au grand public.Ainsi elles permettraient aux concernés de prendre des dispositions adéquates,et éviteraient de générer des faits handicapants ce processus en cours au cas où elles ne seraient pas fondées.

Je vous prie de vouloir y remédier sans délai,en publiant à ce sujet une information basée sur des enquêtes bien fouillées et sur des preuves consistantes.

Mme MUKAMANA Epiphanie

C.I./ Monsieur le Président de la République Rwandaise - Kigali
- Monsieur le D.G du Service Centrale de Renseignement - Kigali
- Monsieur l'Ambassadeur (TOUS)
- Messieurs les Présidents des Partis Politiques (TOUS)
- Journal KANGUKA - Kigali

Ibikurikira urupapuro rwa 13

Ababisomye babonye ukuntu ba nyirukubyandika banyandagaje, bakantuka bakampindanya babifashijwemo n'abandika biriya binyamakuru. Ndagirango nkwibutse ko nabonye ntakomeza kubyihanganira ngahitamo kurega biriya binyamakuru byombi. Mu minsi iri imbere ibyanjye nabo bizajya ahagaragara.

Naho ubundi dore uko ikibazo giteye:

Umugabo wanjye amaze kwitaba Imana muri Nyakanga 1989, havutse ibibazo bikomeye cyane bishingiye ku bwumvikane buke hagati yanjye n'abana yabyaye ku wundi mugore. Dore Nkimara gushyingiranwa n'umugabo wanjye muri 1976, yanzaniye abo bana ambwira ko yababyaye ku wundi mugore. Umukuru muzi ko yari afite imyaka itandatu ubu afite 25 Aho bamariye gukura, habaye ubwumvikane buke hagati yabo na se wababyaye ku buryo umunsi umwe, umukuru yigeze gushaka gutema se ngo natamuha ibihumbi 50 byo kujyana kw'ishuri. Twagombye gutora abantu, imiryango iraterana baramuhana biranga biba iby'ubusa, acika mu rugo tuyoberwa iyo yagiye twongeye kubonana ari uko yumvise ko se yi tabye Imana.

Ab'abakobwa nabo ubwo batangira kunaniza uko bashoboye kose, mbese ku buryo wabonaga bose bafite umugambi w'uko nava mu rugo bakazanamo nyina bakabana, nanjye nkajya gushaka aho ncumbika. Kuburyo umunsi umwe, nagiye kubona nkabona nyina wabo araje yikoreye ibikapu n'amavarisi n'abandi bana benshi yabyaye hiryano hino araza aratura yicara mu rugo. Bumaze kwira ndamubwira ese urataha ryari ko dushaka ku ryama? Umugore ati ndagacibwa ibere, nageze murugo rwanjye sinduvamo yiyibagiza ko iyo nzu arijye wayiyubakiye, ubwo najye nti byaba ari agasuzuguro. Abonye umugabo apfuye none araje! Kandi mu byukuri kuva natangira kubana na GASORE nari ntaramubona na rimwe. Ubwo na Databukwe yari araho huko turamufata turamusohora, ibikapu bye n'imisambi tujugunya mu muhanda abonye yumiwe afata abana arikorera abandi araheka abandi arashorera asubira mu Biryogo aho yacururizaga amandazi n'inyanya. Ngaho aho ikibazo cyavukiye rero. Ubwo uwo mwana arakugendera ashaka amakaritasi magenzi ye, bafata inkota bafata ibyuma n'imihoro, bamaze guhaga urumogi barikora ngo baje kuntera. Ubwo hari hashize ukwezi umugabo yitabye imana. Bageze mu rugo barakubita inzugi, bamena ibirahuri bamena amadirishya bashaka kungeraho ahondi ngo banyice. Ku bw'amahirwe numva abajandarume bari bumvishe iyo nduru yose barababafata barababafunga. Ubwo imanza ziba ziratangiye. Bitewe n'uko icyo bifuzaga kugeraho kitabashobekeye, nibwo biyemeje kujya bansebya haba mu magambo haba mu nyandiko. Hagati aho baba bagiye kundega mu rukiko ngo bifuza ko nava mu bya Gasore bakaba aribo babizungura na nyina. Ngaragariza urukiko ibimenyetso byose by'uko arijye mugore w'isezerano wa Nyakwigendera, ko rero nta wundi ufite uburenganzira bwo kumuzungura uretse jye.

Uwo ni Adrien RANGIRA, Vincent RWABUKWISI na Charles KARINGANIRE bari ku

Mba ndabatsinze babakatira igihe umuhungu ari na nyina kubera kurimanga kwabo. Ubu numva ngo barajurije ntacyo bizabamarira kuko ntizibeshywa. Bamaze gutsindwa bongera umurego mu kunsebya kunyandagaza ngo nishe umugabo kandi mu by'ukuri uwo nyakwigendera Imana aguye kwa muganga kubera yari amaranye igihe kirekire yabugendanaga bwose Diabete hypotension. Iyo aza kuba yaragize ibyo byari kugaragazwa na muganga rero simbona impamvu n'imwe yari niyicira umugabo. Ni ukunsebya kuko ikindi bankoraho.

Sinshidikanya rero ko n'ibi byakozwe n'abo ngabo, ahari yenda kunteranyahamwe, amashyaka n'imiryango mpuzamahanga kunsibira amayira ngo abantu bose Uretse ko bibeshya, ngo "ikinyoma rimwe ntakirira kabiri"

NIMUHUMURE NTITUZABIVUGA

Obed BAZIMAZIKI.

Muri iyi minsi haravugwa umutekano muke ku bantu bafite akanunu ku makosa yakozwe n'abayobozi b'ingoma ya Repubulika ya kabiri. Mu birukankwa ho abacamanza n'abanyamakuru bakaba bari ku murongo wa mbere. Ku ruhande rw'abanyamakuru nkaba ngira ngo mpumurize abo birirwa babaririza aho abanyamakuru batuye, nibura bagabanya umurava wo guhiga abo bahanuzi. Ntabwo mpagarariye abanyamakuru bose muramenye!

Nti nimuhumure ...

Habyarimana akayita Revolisiyo, ntituzavuga ko mubyo Majyambere yazize harimo kuba yarivumbuye kuri dosiye y'umuhanda (ntavuze) RUHAMANYA wari Minisitiri wa Finances yakwanga gusinya, NTEZIRYAYO Siméon wari Minisitri muri Prezidansi akayihabwa ngo ayisinye, nimuhumure nsizavuga ukuntu urumogi rwoherezwaga mu masanduku ya OCIR CAFE, nimuhumure ntituzavuga ukuntu imodoka ihetse ikibunda

wafashwe akarara afotorerwa ku mbunda bazamwerekane ko yari INKOTANYI ntazabivuga. Nimuhumure kandi ntituzavuga ko mu bitinza iyi ntambara hari abafora b'amasasu bafagitira MINADEF Nimuhumure rwose ntituzavuga mwahunitse umutungo wa Leta nako n'ibindi n'ibindi. Tuzaba turetse kugeza kuri RUKOKOMA. Nimudukab

MWAHAYE INKOTANYI IBYO ZISHAKA ZIKADUHA AMAHORO!

KANAMUGIRE Emile

Mu guterura dutyo, umuntu yashingira ku ngingo nyinshi. Dore mu mwaduko w'Inkotanyi ejo bundi, ngo zari zizanye demokarasi yuzuye, ariko abanze ko ziyigeza ino, na n'ubu ntibarashyira ahabona iyanyayo.

Ngo zari zigamije no kuzahura ubukungu bwacu, twibuke ko ifaranga ryacu ryataye, nako ryasubijwe agaciro karyo kubera ubukungu bwamunzwe. Zaba zarashakaga no kuzarimbura irondamoko n'irondakarere byagaragariye mu cyo bise IRINGANIZA.

Ikindi cyahungabanije imitima n'imitwe ya bamwe, ni uko uwari rubanda muri izo ngorwa z'impunzi-nkotanyi yagombaga kujya mu bo yasize, umunyapolitiki we ngo ntiyari kuruhanya kuko yari yitwaje ishyaka rye (Front Patriotique Rwandais), ngo hari hasigaye gupiganira ubuhanga, abari abasirikare na bo ngo bagombaga gusanga abandi za KANOMBE, KAMI, MUKAMIRA n'ahandi; bakarindira hamwe ubusugire bw'urwababyaye. Ibyo byose byari byiswe "ITAHUKA RY'ABAHUNZE".

MU GUKUMIRA BARIYA BANTU SE LETA YACU YABA ITINYA CYANGWA YANGA IKI?

Yaba itinya iriya demokarasi y'imvamahanga ko yari gutuma tuzinukwa iyi icagase bityo hakaba imbehe zubikwa? Oya rwose kuko n'ibyo badukinga mu maso babivana (ibyinshi na none) mu badutanze iterambere. Ku by'ubukungu bashobora gutinya guhangana nazo kuko ngo zifite abaminuje mu ikoresha ry'ifaranga,uko guhangana kwari gutuma abakoresheje umutungo nabi; n'abigwije ho urufaranga mu mafuti bashyirwa ahagaragara kandi amategeko ntiyari kubarebera izuba.

Ingingo y'amoko n'uturere, itera ubwoba abenshi, nk'abumva ko batabura buruse ya Leta, ishuri rya Leta, akazi muri Leta, ubukire bahawe cyangwa bihaye muri Leta, bagacyeka ko zizanye iringaniza nyaryo, ibyiza bitagira ababyikubira kandi ubu hari abasa n'ababigabanye.

Abaturage bo usibye uwaboshya nabi umenya guturana n'impunzi-inkotanyi bitababangamira, ndetse abenshi baranabyifuza kugirango amahoro akunde aboneke. Abanyepolitiki imitima iradiha, bazirwanije cyangwa bakazitinya ni mu gihe, ibya manda zidashira byari gusubirwaho, ibyo gutoneshwa ukaramba mu kazi kandi ntacyo ushoboye byari guhirikwa. Hari kubaho gusaranganya ubutegetsi, ntibibe umurage wa bamwe.(ingoma-nshiru)

Kuba zifite abahanga b'intambara nk'uko Nyakubahwa Perezida wacu yabitwibwiriye, byaba bituma mu gisirikare

Izi Nkotanyi mwazihaye icyo zishaka ziga tanga amahoro!

niba aribyo, bwakwiye gushyirwa hamwe n'ubuhangange ingabo zacu zerekanye maze u Rwanda rugasugira rugasagamba. Ngaho na mwe nimumbwire niba ari byo bituma impunzi-nkotanyi, batazireka ngo zitahuke hamwe n'ibyazo byose, bigatuma duhuruza amahanga, twirirwa tuguza ibifaranga byo kutugoboka mu gu haha intwaro imihanda yose, bigatuma amaraso y'abana b'u Rwanda ameneka babwirwa ko barwanya [illegible] kandi ari umuvandimwe! Nimwibaze [illegible] kubarwanya birimo kubatinya, ibyo [illegible] niba hari icyo baturusha, tubisunge [illegible] tunarebe ibyo bitangaza batwizeza.

Niba atari ukubatinya se, [illegible] bakumirwa mwaramaze no kwemera [illegible] abanyarwanda nkatwe twese??

Bob Denard enfin condamné!

Cinq ans de prison pour le mercenaire français

Enfin ! Le mercenaire français Bob Denard a été condamné *in absentia*, le 16 octobre, à cinq ans de prison. Son ancien compagnon Philippe Boyer, lui, a écopé de trois années de prison avec sursis. Pour la première fois, un pays occidental condamne deux de ses ressortissants pour une « aventure tropicale ».

La *baraka* semble donc avoir (définitivement ?) abandonné Denard, qui fut, ces trente dernières années, de tous les coups de torchon organisés en Afrique. Il était au Katanga, au Biafra, au Tchad, au Bénin, où il a tenté sans succès, en janvier 1977, de renverser Mathieu Kérékou. Aux Comores également, où il a fait et défait successivement deux chefs d'Etat : Ali Soilih et Mohamed Abdallah.

La justice française reproche au plus célèbre des « affreux », aujourd'hui âgé de 62 ans et réfugié en Afrique du Sud, d'avoir conduit un corps expéditionnaire de quatre-vingt-dix mercenaires (des Européens et des Africains) au Bénin, le 16 janvier 1977. L'équipée avait tourné court. Devant la résistance des militaires béninois, aidés par leurs conseillers nord-coréens, les mercenaires avaient dû se replier et décoller précipitamment, laissant derrière eux un de leurs compagnons ainsi que des documents compromettants.

Plus tard, le 10 juin 1979, une information judiciaire fut ouverte contre Denard et ses compagnons en France, à la demande des familles de trois des victimes béninoises. Après de nombreuses péripéties, les « chiens de guerre » seront finalement inculpés, le 12 novembre 1987, d'association de malfaiteurs par la chambre d'accusation de la cour d'appel de Paris. L'affaire [illegible] ment été examinée en audience plénière le 11 [illegible] dernier. Le sybstitut du procureur de la République [illegible] requis cinq ans de prison contre Denard. [illegible] vie à la lettre par des magistrats qui ont [illegible] « irrecevables » les parties civiles béninoises [illegible] demandes d'indemnités.

De Pretoria, où il réside depuis la fin de 19[illegible] vice-roi des Comores a indiqué qu'il utiliserait [illegible] moyens » pour faire annuler sa condamnation [illegible] tout attendre d'un homme qui déclarait, il y a [illegible] mois encore, qu'il n'entendait pas porter seul [illegible]

Franck [illegible]

NA
IENA

a abigira kuri
none kubera
umugani mu
kubeshya ngo

ako uwo mwuka
angiye gusatira
Twizere gusa ko
u kinyarwanda
si i Bugoyi n'i
Bisengimana si
murumuna we
bakabura aho

Rwambuka,
eli mukicara
haraso mumena
tambara. Naho
shanwa murimo
mwaguye miswi
bati nako mu
ND ntizabura
nga nk'inzoga

BURYA NGO JENERALI ARADUSHUKA NIBIKOMERA AZIYAMBUKIRA

Obed BAZIMAZIKI

DORE ABANYURAMATWI KURI STADE AHUBWO!

1. Jenerali arabashuka, Jenerali arabashuka nibikomera azasota nhaa, ayiwewe, ayiwe RUKOKOMA

2. Jenerali aradushuka, Jenerali aradushuka iwe wambitse, Rwigema nhaa, ayiwewe, ayiwe RUKOKOMA!

3. Uwambitse Rwigema, uwambitse Rwigema ni we wateje intambara nhaa, ayiwewe, ayiwe RUKOKOMA!

4. Jenerali aradusetsa, Jenerali aradusetsa iyo unga RUKOKOMA!

5. Abadashaka Rukokoma, abadashaka Rukokoma nibo bazi ibyo bakoze nhaa, ayiwewe, ayiwe RUKOKOMA!

6. Igiceri cy'urumogi, igiceri cy'urumogi nicyo cyubatse Nkamira nhaa, ayiwewe, ayiwe RUKOKOMA!

7. Amafaranga y'ingagi, amafaranga y'ingagi niyo yaguzwe amakamyo nhoo, ayiwewe, ayiwe RUKOKOMA!

8. Imisanzu n'imisoro imisanzu n'imisoro nibyo byubatse Rebero nhoo ayiwewe ayiwe RUKOKOMA!

9. Umuhanda wa Kibuye, umuhanda wa Kibuye niwo wubatse amavilla, nhaa, ayiwewe, ayiwe RUKOKOMA!

10. Umuntu umwe mu gihugu, umuntu umwe mu gihugu ntakwiye kutumara nhaa, ayiwewe, ayiwe RUKOKOMA!

Ngiyo indirimbo abayoboke b'amashyaka MDR, PL, PSD, na PSR,

bazamukanye umuhanda wa kaburimbo wo mu Nyakabanda, ubundi witiriwe KADAFI ariko uwo munsi ukaba wari wahindutse Avenue RUKOKOMA. Abantu basaga ibihumbi 30, bazamukanye ingufu muri uwo muhanda kuburyo utamenyaga ko haterera.

Babohoje Kigali, andi maperefegitura niyo atahiwe

Mbere y'iriya myigaragambyo, abantu benshi baba abanyakigali cyangwa se abari mu yandi maperefegitura ntibumvaga ko hari uwa tinyuka kujya mu muhanda ngo yamagane amafuti y'ingoma ya Repubulika ya kabiri.

Ni mu gihe kandi kuko nta kuntu wamara imyaka cumi n'umunani uboshywe n'ubwoba ng'ubure guhahamuka.

Kuva rero aho izo nterahamwe zirenga ibihumbi 30 zerekanye ko nta bapfira gushira, u Rwanda rugifite abatabazi. Abanyakigali bumvise babohowe iyo ngoyi y'ubwoba kuburyo ubutaha, niba nta gihindutse ubutegetsi bugakomeza kwigomeka, abaturage bazahaguruka bakibohoza, nta n'umwe usigaye inyuma. Uretse nyine abo mu ndiri y'akazu! Nyamara burya umenya n' INKOTANYI zitarabeshyaga mu kuvuga ko u Rwanda ruboshye zikaba zije kurubohoza! Ubu uretse MRND iharanira kurukaraga biruseho, andi mashyaka yahagurukiye kurubohoza. Ni irihe rizatanga irindi Umushi?

KA KAZU KARASENYUTSE PE !!

S. SACHA

Ni ryari se tutababwiye ko imfuruka tuyifashe mu gifunga?
Ni gute se tutagasenya kandi bamwe mu bagatuye ari amasibe yigize amakombe!
Ingwize yishe MUTAMU.Ntimwiririrwe mubaririza rero ingwize iragashenye,akazu karandukanye n'imizi n'imihamuro.
N'ingoro ya MRNDD zahindutse iz'urubyiruko,
Nk'uko amazu y'umwami yahinduwe inkiko n'amacumbi y'URUKERERERZA,
Maze abahavuye bagataramira BENEKAZU!
Kuvukana impungure bibaho koko!
Ingirwabami, Ingirwabikomangoma,
Twongeye kubagaragariza tariki 17 Ugushyingo 1991,
Urwanda ni umurage wacu twese.
MDR, PL, PSD, mbateye ingabo mu bitugu,
Ibintu biza buhoro buhoro.
Intambwe ya mbere twarayiteye,
Na RUKOKOMA yacu tuzayibona!
Maze abagome bafatirwe ibyemezo bidakuka.
... ngo nakwibagiwe nawe

photo le RWANDA

Twanze cyami y'akazu ntitwakwemera Repubulika y'akazu.

Uri RUGEMA uhora kw'isonga
Ntitwagusize inyuma kuri uriya munsi, kuko uri INYURIRAMAHANGA, uri MUHANDANGABO! None se RUHINANGABO wateye iyi miborogo agamije kuguheza ishyanga, simbona ugiye kumukorera nka bimwe inyuma wararahiye,natwe tuzanezezwa no kukwakira,tukakumurikira umurage wa KANYARWANDA,mu gihe tuzaba tumaze kwipakurura
MWIDISHYI watugize abacakara ! Ubwo RWANDA izongera ibe igitego,ibe igihugu cy'amahoro gitemba amata n'ubuki.